(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
UWIZEYE Judith
Minister of Public Service and Labour

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice / **Attorney General**

Kigali, le 18/11/2014

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

(sé)
UWIZEYE Judith
Ministre de la Fonction Publique et du
Travail

Vu et scellé du Sceau de la République

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE PRIME MINISTER'S ORDER N°121/03 OF ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°121/03
N°121/03 RYO KU WA 18/11/2014 18/11/2014 APPOINTING A VICE DU 18/11/2014 PORTANT NOMINATION
RISHYIRAHU UMUYOBOZI PRINCIPAL D'UNE DIRECTRICE ADJOINTE
WUNGIRIJE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Ishyirwaho

Article One: Appointment

Article premier : Nomination

Ingingo ya 2: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 3: Repealing provision

Article 3: Disposition abrogatoire

Ingingoya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE PRIME MINISTER'S ORDER N°121/03 OF ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°121/03
N°121/03 RYO KU WA 18/11/2014 18/11/2014 APPOINTING A VICE DU 18/11/2014 PORTANT NOMINATION
RISHYIRAHU UMUYOBOZI PRINCIPAL D'UNE DIRECTRICE ADJOINTE
WUNGIRIJE**

Minisitiri w'Intebe,

The Prime Minister,

Le Premier Ministre,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 118 , iya 119, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 118, 119, 121 and 201 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 119, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 4, iya 6 n'iya 8;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the General Statutes for Public Service, especially in Articles 4, 6, and 8;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant Statut Général de la Fonction Publique, spécialement en ses articles 4, 6, et 8;

Ashingiye ku Itegeko n°39/2011 ryo ku wa 13/09/2011 rishyiraho Ikigo cya Leta gishinzwe guteza imbere Ubumenyigiro n'Imyigishirize y'Imyuga mu Rwanda (WDA) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo cyane cyane mu ngingo yaryo ya 10;

Pursuant to Law n°39/2011 of 13/09/2011 establishing the Workforce Development Authority (WDA) and determining its mission, organization and functioning especially in Article 10;

Vu la Loi n°39/2011 du 13/09/2011 portant création de l'Office Rwandais de Développement de la Main-d'œuvre (WDA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement spécialement en son article 10;

Bisabwe na Minisitiri w'Uburezi;

On proposal by the Minister of Education;

Sur proposition du Ministre de l'Education ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 10/09/2014 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 10/09/2014;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 10/09/2014;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Ishyirwaho

Madamu UWITONZE Laurence agizwe Umuyobozi wungirije ushinzwe Ubutegetsi n’Imari mu Kigo cya Leta gishinzwe guteza imbere Ubumenyigiro n’Imyigishirize y’Imyuga mu Rwanda (WDA), *Gishali Integrated Polytechnic*.

Article One: Appointment

Mrs UWITONZE Laurence is hereby appointed Vice Principal in charge of Administration and Finance in Workforce Development Authority (WDA), *Gishali Integrated Polytechnic*.

Article premier: Nomination

Madame UWITONZE Laurence est nommée Directrice Adjointe chargée de l’Administration et des Finances au sein de l’Office Rwandais de Développement de la Main-d’œuvre (WDA), *Gishali Integrated Polytechnic*.

Ingingoya 2: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Minisitiri w’Abakozi ba Leta n’Umurimo na Minisitiri w’Imari n’Igenamigambi basabwe kubahiriza iri teka.

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are responsible for the implementation of this Order.

Article 2: Autorités chargées de l’exécution du présent arrêté

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l’exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije n’iri teka

Ingingo zose z’amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Article 3: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 3: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni rishyirweho umukono. Agaciro karyo gahera ku wa 10/09/2014.

Article 4: Commencement

This Order shall come into force on the date of its signature. It takes effect as of 10/09/2014.

Article 4: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 10/09/2014.

Official Gazette n° 48 of 01/12/2014

Kigali, ku wa 18/11/2014

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)
UWIZEYE Judith
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya
Leta

Kigali, on 18/11/2014

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
UWIZEYE Judith
Minister of Public Service and Labour

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice / **Attorney General**

Kigali, le 18/11/2014

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

(sé)
UWIZEYE Judith
Ministre de la Fonction Publique et du
Travail

Vu et scellé du Sceau de la République

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE PRIME MINISTER'S ORDER N°122/03 OF ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°122/03
N°122/03 RYO KU WA 18/11/2014 18/11/2014 APPOINTING A VICE DU 18/11/2014 PORTANT NOMINATION
RISHYIRAHU UMUYOBOZI PRINCIPAL D'UNE DIRECTRICE ADJOINTE
WUNGIRIJE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Ishyirwaho

Article One: Appointment

Article premier: Nomination

Ingingo ya 2: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 3: Repealing provision

Article 3: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE PRIME MINISTER'S ORDER N°122/03 OF ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°122/03
N°122/03 RYO KU WA 18/11/2014 18/11/2014 APPOINTING A VICE DU 18/11/2014 PORTANT NOMINATION
RISHYIRAHU UMUYOBOZI PRINCIPAL D'UNE DIRECTRICE ADJOINTE
WUNGIRIJE**

Minisitiri w'Intebe,

The Prime Minister,

Le Premier Ministre,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 118 , iya 119, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 118, 119, 121 and 201 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 119, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 4, iya 6 n'iya 8;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the General Statutes for Public Service, especially in Articles 4, 6, and 8;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant Statut Général de la Fonction Publique, spécialement en ses articles 4, 6, et 8;

Ashingiye ku Itegeko n°39/2011 ryo kuwa 13/09/2011 rishyiraho Ikigo cya Leta gishinzwe guteza imbere Ubumenyigiro n'Imyigishirize y'Imyuga mu Rwanda (WDA) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo cyane cyane mu ngingo yaryo ya 10;

Pursuant to Law n°39/2011 of 13/09/2011 establishing the Workforce Development Authority (WDA) and determining its mission, organization and functioning especially in Article 10;

Vu la Loi n°39/2011 du 13/09/2011 portant création de l'Office Rwandais de Développement de la Main-d'œuvre (WDA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement spécialement en son article 10;

Bisabwe na Minisitiri w'Uburezi;

On proposal by the Minister of Education;

Sur proposition du Ministre de l'Education;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 10/09/2014 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 10/09/2014;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 10/09/2014;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Ishyirwaho

Madamu MUREBWAYIRE Odette agizwe Umuyobozi wungirije ushinzwe Ubutegetsi n'Imari mu Kigo cya Leta gishinzwe guteza imbere Ubumenyigiro n'Imyigishirize y'Imyuga mu Rwanda (WDA), ishami ry'Iburengerazuba (IPRC/West).

Article One: Appointment

Mrs MUREBWAYIRE Odette is hereby appointed Vice Principal in charge of Administration and Finance in the Integrated Polytechnic Regional Centre, Western Province (IPRC-West).

Article premier: Nomination

Madame MUREBWAYIRE Odette est nommée Directrice Adjointe chargée de l'Administration et des Finances au sein du Centre Régional Polytechnique Intégré, Province de l'Ouest (IPRC-Ouest).

Ingingoya 2: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi basabwe kubahiriza iri teka.

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are responsible for the implementation of this Order.

Article 2 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Article 3: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 3 : Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu rishyirirweho umukono. Agaciro karyo gahera ku wa 10/09/2014.

Article 4: Commencement

This Order shall come into force on the date of its signature. It takes effect as of 10/09/2014.

Article 4 : Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 10/09/2014.

Official Gazette n° 48 of 01/12/2014

Kigali, ku wa 18/11/2014

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)
UWIZEYE Judith
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya
Leta

Kigali, on 18/11/2014

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
UWIZEYE Judith
Minister of Public Service and Labour

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice / **Attorney General**

Kigali, le 18/11/2014

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

(sé)
UWIZEYE Judith
Ministre de la Fonction Publique et du
Travail

Vu et scellé du Sceau de la République

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice / **Garde des Sceaux**

ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/14/10/TC RYO KU WA 24/10/2014 RIGENA UBURYO IMISANZU IGENEWE IKIGEGA CYIHARIYE CY'INGOBOKA KU BWISHINGIZI BW'UBURYOZWE BW'IMPANUKA Z'IBINYABIZIGA BIFITE MOTERI BIGENDERA KU BUTAKA N'IZIKOMOKA KU NYAMASWA IMENYEKANISHWA, YAKIRWA N'UKO IGENZURWA

MINISTERIAL ORDER N° 003/14/10/TC OF 24/10/2014 DETERMINING PROCEDURES FOR DECLARATION, COLLECTION AND VERIFICATION OF CONTRIBUTIONS TO THE SPECIAL GUARANTEE FUND FOR ACCIDENTS AND DAMAGES CAUSED BY AUTOMOBILES AND ANIMALS

ARRETE MINISTERIEL N° 003/14/10/TC DU 24/10/2014 DETERMINANT LES MODALITES DE DECLARATION, RECOUVREMENT ET VERIFICATION DES CONTRIBUTIONS DESTINEES AU FONDS SPECIAL DE GARANTIE POUR DES ACCIDENTS ET DES DOMMAGES CAUSES PAR LES AUTOMOBILES ET LES ANIMAUX

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définition des termes

UMUTWE WA II: IMISANZU IGOMBA GUTANGWA N'UBURYO IKUSANYWA IKISHYURWA IKIGEGA

CHAPTER II: CONTRIBUTIONS TO BE PAID AND PROCEDURES FOR COLLECTION AND PAYMENT

CHAPITRE II: CONTRIBUTIONS A PAYER ET MODALITES DE COLLECTE ET DE PAIEMENT

Ingingo ya 3: Imisanzu igomba gutangwa

Article 3: Contributions to be paid

Article 3: Contributions à payer

Ingingo ya 4: Uburyo bwo gukusanya no kwisyura imisanzu

Article 4: Procedures for collection and payment of the contributions

Article 4: Modalités de collecte et de paiement des contributions

Ingingo ya 5: Imenyekanisha ry'imisanzu

Article 5: Declaration of contributions

Article 5: Déclaration des contributions

<u>UMUTWE WA III: IGENZURA RY'IMISANZU Y'IKIGEGA</u>	<u>CHAPTER III: VERIFICATION OF CONTRIBUTIONS FOR THE FUND</u>	<u>CHAPITRE III: VERIFICATION DES CONTRIBUTIONS AU FONDS</u>
<u>Ingingo ya 6: Igenzura ry'imisanzu</u>	<u>Article 6: Verification of contribution</u>	<u>Article 6: Vérification des contributions</u>
<u>Ingingo ya 7: Inyandiko za ngombwa mu igenzura ry'imisanzu</u>	<u>Article 7: Necessary documents for the contribution verification exercise</u>	<u>Article 7: Documents nécessaires à l'exercice de vérification des contributions</u>
<u>Ingingo ya 8: Raporo y'igenzura</u>	<u>Article 8: Verification report</u>	<u>Article 8: Rapport de vérification</u>
<u>Ingingo ya 9: Gukemura amakimbirane</u>	<u>Article 9: Dispute settlement</u>	<u>Article 9: Règlement de conflits</u>
<u>UMUTWE WA IV 4: UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO</u>	<u>CHAPTER IV: COLLABORATION WITH OTHER INSTITUTIONS</u>	<u>CHAPITRE IV: COLLABORATION AVEC D'AUTRES INSTITUTIONS</u>
<u>Ingingo ya 10: Ubufatanye n'ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'Amahoro</u>	<u>Article 10: Collaboration between the Fund and Rwanda Revenue Authority</u>	<u>Article 10: Collaboration avec l'Office Rwandais des recettes</u>
<u>Ingingo ya 11: Ubufatanye n'izindi nzego za Leta</u>	<u>Article 11: Collaboration with other public institutions</u>	<u>Article 11: Collaboration avec d'autres institutions publiques</u>
<u>UMUTWE WA V: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI</u>	<u>CHAPTER V: ADMINISTRATIVE SANCTIONS</u>	<u>CHAPITRE V: SANCTIONS ADMINISTRATIVES</u>
<u>Ingingo ya 12: Guhanwa kubera kutagaragaza imisanzu yakiriwe</u>	<u>Article 12: Sanction for failure to declare contributions collected</u>	<u>Article 12: Sanction pour la déclaration incomplète des contributions</u>
<u>Ingingo ya 13: Guhanwa kubera ubukererwe ku itangwa ry'imisanzu</u>	<u>Article 13: Sanction for late payment of contributions</u>	<u>Article 13: Sanction pour le paiement tardif des contributions</u>
<u>Ingingo ya 14: Guhanwa kubera kumena ibanga</u>	<u>Article 14: Sanction for disclosure of confidential information</u>	<u>Article 14: Sanction pour divulgation d'une information confidentielle</u>

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 15: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 15: Repealing provision

Article 15: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 16: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 16: Commencement

Article 16: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/14/10/TC RYO KU WA 24/10/2014 RIGENA UBURYO IMISANZU IGENEWE IKIGEGA CYIHARIYE CY'INGOBOKA KU BWISHINGIZI BW'UBURYOZWE BW'IMPANUKA Z'IBINYABIZIGA BIFITE MOTERI BIGENDERA KU BUTAKA N'IZIKOMOKA KU NYAMASWA IMENYEKANISHWA, YAKIRWA N'UKO IGENZURWA

MINISTERIAL ORDER N° 003/14/10/TC OF 24/10/2014 DETERMINING PROCEDURES FOR DECLARATION, COLLECTION AND VERIFICATION OF CONTRIBUTIONS TO THE SPECIAL GUARANTEE FUND FOR ACCIDENTS AND DAMAGES CAUSED BY AUTOMOBILES AND ANIMALS

ARRETE MINISTERIEL N° 003/14/10/TC DU 24/10/2014 DETERMINANT LES MODALITES DE DECLARATION, RECOUVREMENT ET VERIFICATION DES CONTRIBUTIONS DESTINEES AU FONDS SPECIAL DE GARANTIE POUR DES ACCIDENTS ET DES DOMMAGES CAUSES PAR LES AUTOMOBILES ET LES ANIMAUX

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;

The Minister of Finance and Economic Planning;

Le Ministre des Finances et de la Planification Economique;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 52/2011 ryo ku wa 14/12/2011 rishyiraho Ikigega Cyihariye cy'ingoboka ku bwishingizi bw'uburyozwe bw'impanuka z'ibinyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka n'izikomoka ku nyamaswa (SGF) rikagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 16 n'iya 21 ;

Pursuant to Law n° 52/2011 of 14/12/2011 Law establishing the Special Guarantee Fund for accidents and damages caused by automobiles and animals (SGF) and determining its mission, organization and functioning, especially in Articles 16 and 21;

Vu la Loi n° 52/2011 du 14/12/2011 portant création du Fonds Spécial de Garantie pour des accidents et des dommages causés par les automobiles et les animaux (SGF) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement, spécialement en ses articles 16 et 21 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 41/2001 ryo ku wa 19/9/2001 ryerekeye imyishyurire y'abangirijwe n'impanuka zitewe n'ibinyabiziga bigenzwa na moteri kandi bigenda ku butaka;

Pursuant to Law n° 41/2001 of 19/09/2001 relating to the compensation of victims of physical Accidents caused by Motor vehicles;

Vu la Loi n° 41/2001 du 19/09/2001 relative à l'indemnisation des victimes d'accidents corporels causés par les automobiles ;

Official Gazette n° 48 of 01/12/2014

Ashingiye ku Itegeko-teka n° 32/75 ryo ku wa 07/08/1975 rigena ubwishingizi butegetswe ku buryozwe bw'ibinyabiziga bifite moteri nk'uko ryahinduwe kandi rikuzuzwa kugeza ubu;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 09/06/2014 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

Pursuant to Decree-Law n° 32/75 of 07/08/ 1975 on compulsory civil liability insurance for motor vehicles as modified and complemented to date;

After consideration and approval by Cabinet, in its session of 09/06/2014;

Vu le Décret-loi n° 32/75 du 07/08/1975 relatif à l'assurance obligatoire de responsabilité civile en matière d'automobiles tel que modifié et complété à ce jour ;

Après examen et approbation par le Conseil des Ministres, en sa séance du 09/06/2014;

ATEGETSE :

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena uburyo imisanzu igenewe Ikigega Cyihariye cy'Ingoboka ku Bwishingizi bw'uburyozwe bw'impanuka z'ibinyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka n'izikomoka ku nyamaswa (SGF) imenyekanishwa, yakirwa, n'uko igenzurwa.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira :

1 ° **Ikigega:** Ikigega cyihariye cy'ingoboka ku bwishingizi bw'uburyozwe bw'impanuka z'ibinyabiziga bifite moteri bigenda ku butaka n'izikomoka ku nyamaswa;

ORDERS :

CHAPTER ONE : GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

This Order determines the procedures for declaration, collection and verification of contributions to the Special Guarantee Fund (SGF) for accidents and damages caused by automobiles and animals.

Article 2: Definition of terms

For the purpose of this Order, the following terms shall have the following meanings :

1 ° **Fund:** the Special Guarantee Fund for Accidents and damages caused by automobiles and animals;

ARRETE :

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les modalités de déclaration, de recouvrement et de vérification des contributions destinées au Fonds Spécial de Garantie (SGF) pour des accidents et des dommages causés par les automobiles et les animaux.

Article 2: Définition des termes

Aux fins du présent arrêté, les termes ci-après sont définis de la manière suivante:

1 ° **Fonds:** le Fonds Spécial de Garantie pour des accidents et des dommages causés par les automobiles et les animaux;

- 2° **Umwishingizi:** ikigo gikora umwuga w'ubwishingizi bw'ibinyabiziga bifite moteri hashingiwe ku masezerano kigirana n'ufata ubwishingizi mu Rwanda kandi hakurikijwe amategeko y'u Rwanda;
- 2° **Insurer:** a company that provides protection to automobiles through the sale of an insurance policy to an insured in Rwanda and in accordance with Rwandan law;
- 2° **Assureur:** société qui protège les véhicules automobiles par une police d'assurance conclue avec un assuré au Rwanda et conformément à la législation rwandaise ;
- 3° **Imisanzu:** amafaranga atangwa mu Kigega n'umwishingizi ashingiye ku misanzu y'ubwishingizi butegetswe bw'uburyozwe bw'impanuka z'ibinyabiziga bifite moteri bigenda ku butaka bw'u Rwanda;
- 3° **Contributions:** money collected on premiums for compulsory civil liability insurance for accidents involving automobiles operating on Rwandan territory and paid by the insurer to the Fund.
- 3° **Contributions:** sommes d'argent perçues sur les primes d'assurance obligatoire pour la responsabilité des accidents des véhicules automobiles circulant au Rwanda que l'assureur paie au Fonds ;
- 4° **Imenyekanisha:** igikorwa cyo gutegura no kugeza mu Kigega inyandiko zose zigaragaza imisanzu y'Ikigega yakusanyijwe n'umwishingizi;
- 4° **Declaration:** act whereby an insurer prepares and submits to the Fund all documents that provides evidence of contribution to the Fund;
- 4° **Déclaration :** acte consistant à préparer et à remettre au Fonds tous les documents attestant les contributions collectées par l'assureur;
- 5° **Umugenzuzi:** umukozi w'Ikigega cyemereye gukora ubugenzuzi bw'itangwa ry'imisanzu y'Ikigega mu gihe cyagenwe.
- 5° **Controller:** Fund's agent authorised to verify whether payments of contributions to the Fund are promptly paid.
- 5° **Vérificateur:** agent du Fonds dûment mandaté à vérifier si le paiement des contributions destinées au Fonds est effectué à terme.

UMUTWE WA II: IMISANZU IGOMBA GUTANGWA N'UBURYO IKUSANYWA IKISHYURWA IKIGEGA

Ingingo ya 3: Imisanzu igomba gutangwa

Umwishingizi uwo ari we wese agomba kwishyura Ikigega imisanzu ingana n'icumi ku

CHAPTER II: CONTRIBUTIONS TO BE PAID AND PROCEDURES FOR COLLECTION AND PAYMENT

Article 3: Contributions to be paid

Every insurer shall pay to the Fund a contribution equivalent to ten percent (10%) of

CHAPITRE II: CONTRIBUTIONS A PAYER ET MODALITES DE COLLECTE ET DE PAIEMENT

Article 3 : Contributions à payer

Tout assureur doit verser au Fonds une contribution équivalant à dix pourcent (10 %) des primes

ijana (10%) y'amafaranga atangwa ku bwishingizi butegetswe ku buryozwe bw'impanuka z'ibinyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka bw'u Rwanda.

Ingingo ya 4 : Uburyo bwo gukusanya no kwisyura imisanzu

Umwishingizi wese agomba kuvana imisanzu iteganywa mu ngingo ya gatatu (3) y'iri teka mu mafaranga yose yishyurirwa uwishingiwe butegetswe bw'ibinyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka bw'u Rwanda.

Umwishingizi wese agomba kwishyura Ikigega imisanzu ku mafaranga yakiriwe mu buryo buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo mbere y'italiki ya 15 z'ukwezi gukurikira ukwezi imisanzu yakiriwemo.

Ingingo ya 5: Imenyekanisha ry'imisanzu

Buri mwishingizi agomba kumenyekanisha ku kigega imisanzu yakiriwe ku italiki ivugwa mu ngingo ya 4 yuzuza ifishi y'imenyekanisha-misanzu yabugenewe iri ku mugereka w'iri teka.

Mu gihe italiki ntarengwa ari umunsi w'ikiruhuko, umunsi ntarengwa wo kwishyura imisanzu ni umunsi ukurikiyeho w'akazi.

the compulsory civil liability insurance premiums for accidents involving any automobile operating on Rwandan territory.

Article 4 : Procedures for collection and payment of the contributions

Every insurer shall subtract the contributions mentioned in Article three (3) of this Order from all the premiums to the compulsory liability insurance scheme for any automobile operating on the Rwanda territory.

Every insurer shall pay to the Fund the contributions collected in accordance with Paragraph One of this Article before 15th of the month following the month during which the contributions were collected.

Article 5: Declaration of contributions

Each insurer shall be required to declare contributions collected to the Fund on the date mentioned in Article 4 by filling the appropriate declaration form annexed to this Order.

In case the deadline for declaration is a public holiday, the final day for declaration of the contribution shall be the following working day.

d'assurance obligatoire de responsabilité civile pour les accidents des véhicules automobiles circulant sur le sol rwandais.

Article 4 : Modalités de collecte et de paiement des contributions

Tout assureur a l'obligation de soustraire les contributions mentionnées à l'article trois (3) du présent arrêté de toutes les primes versées au régime d'assurance obligatoire de responsabilité civile pour tout véhicule automobile circulant sur le sol rwandais.

Tout assureur est tenu de payer au Fonds les contributions perçues conformément à l'alinéa premier du présent article avant le 15^{ème} jour du mois suivant celui de la collecte.

Article 5: Déclaration des contributions

Tout assureur déclare au Fonds les contributions collectées. à la date mentionnée à l'article 4 en remplissant le tableau annexé au présent arrêté.

Lorsque la date limite pour la déclaration correspond à un jour de congé, la date limite devient le jour ouvrable suivant ledit congé.

UMUTWE WA III: IGENZURA RY'IMISANZU Y'IKIGEGA

CHAPTER III: VERIFICATION OF CONTRIBUTIONS FOR THE FUND

CHAPITRE III: VERIFICATION DES CONTRIBUTIONS AU FONDS

Ingingo ya 6: Igenzura ry'imisanzu

Abagenzuzi bakora igenzura ry'imisanzu yishyuwe n'abishingizi nibura kabiri (2) mu mwaka.

Igenzura rikorwa ku cyicaro gikuru cy'umwishingizi cyangwa ku mashami yacyo aho ari hose mu Rwanda.

Umuyobozi w'Ikigega agomba, mu nyandiko, kumenyesha umwishingizi ko igenzura rigomba gukorwa iminsi cumi n'itanu (15) nibura mbere y'uko rikorwa.

Ingingo ya 7: Inyandiko za ngombwa mu igenzura ry'imisanzu

Igenzura rigomba gushingira ku nyandiko iyo ariyo yose yakoreshejwe mu kwishyura ubwishingizi ishobora kuba ibitswe n'umwishingizi

Abagenzuzi bashobora kandi, mu gihe bari mu gikorwa cy'ubugenzuzi, gukoresha inyandiko iyo ariyo yose yerekeranye n'imisanzu yishyuwe mu kigega harimo amasezerano y'ubwishingizi, impamyabuguzi, raporo ya buri muni cyangwa iy'ukwezi, ibitabo by'ibaruramari cyangwa andi makuru ashobora

Article 6 : Verification of contribution

Controllers shall verify contributions paid by insurers at least twice (2) a year.

The verification exercise shall be carried out at the insurer's headquarters or at any of its branches in Rwanda.

The Head of the Fund shall, in writing, inform the insurer of the intention to carry out the verification exercise at least fifteen (15) days before the exercise is carried out

Article 7: Necessary documents for the contribution verification exercise

The verification exercise shall base on any document used to pay the insurance premium which may be kept in records of the insurer.

Controllers may also, while carrying out the verification exercise, use any documents related to contributions paid to the Fund including insurance contract, bills, daily or monthly reports, cash books or any other data that may help in revealing the actual contribution paid to the Fund.

Article 6 : Vérification des contributions

Au moins deux (2) fois par an les vérificateurs mandatés vérifient les contributions payées par les assureurs.

La vérification s'effectue au siège social de l'assureur ou à l'une de ses branches au Rwanda.

Quinze jours au moins avant la procédure de vérification, le Directeur du Fonds doit aviser l'assureur, par écrit, de son intention de procéder à l'exercice de vérification.

Article 7: Documents nécessaires à l'exercice de vérification des contributions

La vérification s'effectue à l'aide de tous les documents utilisés lors du paiement de la prime d'assurance qui peuvent être conservés dans les archives de l'assureur.

Les vérificateurs peuvent utiliser également tout document relatif aux contributions perçues pour le compte du Fonds, notamment le contrat d'assurance, les factures, les rapports journaliers ou mensuels, les livres de caisse et toute autre donnée conservée de nature à révéler les contributions réellement collectées pour le compte du Fonds.

kugaragaza imisanzu yishyuwe mu kigega.

Ingingo ya 8: Raporo y'igenzura

Iyo umugenzuzi ashoje igikorwa cy'igenzura, agomba gutegura raporo y'igenzura akayohereza Ikigega akanagenera kopi umwishingizi.

Umwishingizi agomba, mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi gutanga ibitekerezo kuri iyo raporo y'igenzura. Iyo hari ibyo atemera bikubiye muri raporo, yandikira Ikigega atanga impamvu kuri byo.

Iyo umwishingizi adatanze ibitekerezo mu minsi iteganyijwe mu gika kibanziriza iki, raporo iba yemewe kandi impande zombi zigomba kubahiriza ibikubiye muri iyo raporo.

Iyo hari ibyo impande zitumvikanyeho muri raporo, igenzura risubirwamo rimwe (1) gusa kuri izo ngingo zitumvikanyeho impande zombi zigakemura ikibazo mu bwumvikane.

Ingingo ya 9: Gukemura amakimbirane

Iyo Ikigega n'umwishingizi badashoboye gukemura ikibazo mu bwumvikane, uruhande rutanyuzwe rushobora kwiambaza urukiko rubifitiye ububasha kugira ngo rukemure ikibazo.

Article 8: Verification report

If the controller concludes the verification exercise, he/she shall prepare a report, submit it to the Fund and reserve a copy to the insurer.

The insurer shall, in a period of fifteen (15) working days, make comments on the verification report. In case of any objection to the report, the insurer shall in writing present to the Fund its justification towards that objection.

If the insurer does not make any comments in the period prescribed in the preceding Paragraph, the report shall be considered approved and both parties shall be obliged to comply with the contents of the report.

In case there are contentious issues in the verification report, the verification exercise shall be repeated once (1) exclusively on the contentious issues and both parties shall resolve the issues amicably.

Article 9: Dispute settlement

In case the Fund and the insurer do not resolve the contentious issues amicably, any aggrieved party may refer the case to any competent court to settle the matter.

Article 8: Rapport de vérification

Dès que le vérificateur termine l'exercice de vérification, il prépare un rapport de vérification, le soumet au Fonds et réserve une copie à l'assureur.

Dans une période de quinze (15) jours ouvrables, l'assureur émet des observations sur le rapport de vérification. En cas d'objection de ce rapport, l'assureur notifie par écrit au Fonds les raisons de son objection.

Lorsque le délai prévu à l'alinéa précédent expire avant que l'assureur n'émette ses observations, le rapport de vérification est réputé approuvé et les deux parties sont tenues de s'y conformer.

Dans le cas où il y a des questions litigieuses dans le rapport de vérification, l'exercice de vérification est repris une fois exclusivement sur ces questions et les deux parties résolvent les problèmes à l'amiable.

Article 9 : Règlement de conflits

Lorsque le Fonds et l'assureur ne parviennent pas à se mettre d'accord à l'amiable, la partie lésée est libre de saisir la juridiction compétente.

UMUTWE WA IV: UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

Ingingo ya 10: Ubufatanye n'ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'Amahoro

Ikigega n'ikigo cy'igihugu gishinzwe Imisoro n'Amahoro bihana amakuru ya ngombwa yerekeranye n'ibinyabiziga byanditse bigendera ku butaka bw'u Rwanda.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'Amahoro kandi kigomba kumenyesha buri gihe andi makuru yerekeranye n'imisanzu yakiriwe hashingiwe ku imenyekanisha ryakozwe n'abishingizi.

Ingingo ya 11: Ubufatanye n'izindi nzego za Leta

Iyo bibaye ngombwa, Ikigega cyiyambaza urundi rwego rwa Leta urwo uri rwo rwose kugira ngo kirangize neza inshingano zacyo.

UMUTWE WA V: IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI

Ingingo ya 12: Guhanwa kubera kutagaragaza imisanzu yakiriwe

Bitabangamiye uburenganzira bw'Ikigega bwo kwishyura imisanzu itaratanzwe, umwishingizi utagaragariza Ikigega imisanzu yose yakiriwe kugeza igihe cyo gukora igenzura ahanishwa

CHAPTER IV: COLLABORATION WITH OTHER INSTITUTIONS

Article 10: Collaboration between the Fund and Rwanda Revenue Authority

The Fund and Rwanda Revenue Authority undertake to share any relevant information on identification of any registered automobiles operating on Rwandan territory.

Rwanda Revenue Authority shall also regularly communicate to the Fund any other information relating to contribution collected for the Fund on the basis of declarations of the insurers.

Article 11: Collaboration with other public institutions

The Fund shall, where necessary, seek assistance from any other public institution in order to effectively fulfill its mission.

CHAPTER V: ADMINISTRATIVE SANCTIONS

Article 12: Sanction for failure to declare contributions collected

Without prejudice to the right of the Fund to claim payment of arrears of contributions, any insurer which deliberately fails to declare to the Fund all the contributions collected up to the

CHAPITRE IV: COLLABORATION AVEC D'AUTRES INSTITUTIONS

Article 10: Collaboration avec l'Office Rwandais des recettes

Le Fonds et l'Office Rwandais des Recettes partagent les informations nécessaires pour identifier des véhicules automobiles immatriculés et circulant sur le territoire rwandais.

L'Office Rwandaise des Recettes communique aussi régulièrement au Fonds toute autre information relative aux contributions perçues pour le compte du Fonds sur base des déclarations faites par les assureurs.

Article 11: Collaboration avec d'autres institutions publiques

Le Fonds fait appel, en cas de besoin, à d'autres institutions publiques pour pouvoir remplir les objectifs lui assignés.

CHAPITRE V: SANCTIONS ADMINISTRATIVES

Article 12: Sanction pour la déclaration incomplète des contributions

Sans préjudice du droit du Fonds d'exiger le paiement des arriérés de contributions, tout assureur qui omet de déclarer l'intégralité des contributions perçues jusqu'au moment de la vérification est puni

kwishyura ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'icumi ku ijana (10%) y'imisanzu itaragaragajwe. Ihazabu itangwa hakorehsejwe uburyo nku bwokwishyura imisanzu.

Ingingo ya 13: Guhanwa kubera ubukererwe ku itangwa ry'imisanzu

Bitabangamiye uburenganzira bw'Ikigega bwo kwishyura imisanzu itaratanzwe, umwishingizi uwo ari we wese utishyura Ikigega imisanzu yakiriwe mu gihe giteganijwe mu ngingo ya 4 y'iri teka, ahanishwa kwishyura ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'abiri ku ijana (2%) y'ibirarane by'imisanzu ya buri kwezi yakererewe kwishyura.

Ingingo ya 14: Guhanwa kubera kumena ibanga

Umugenzuzi uwo ari we wese cyangwa umukozi w'Ikigega umena ibanga ryerekeranye n'ibyavuye mu igenzura, ku bushake, ku buryo bubangamira icyo iri teka rigamije, ahanwa hakurikijwe ibitegankwa n'Itegeko rishyiraho Sitati Rusange igenga abakozi ba Leta mu Rwanda.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 15: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

time of verification shall be punished to pay an administrative fine equal to ten per cent (10%) of undeclared contributions. The fine shall be paid in the same way as contributions are paid.

Article 13: Sanction for late payment of contributions

Without prejudice to the right of the Fund to claim payment of arrears of contributions, any insurer which does not pay contributions collected to the Fund within the period provided for in Article 4 of this Order shall be punished to pay an administrative equal to two per cent (2%) of arrears of contributions for each month of late payment.

Article 14: Sanction for disclosure of confidential information

Any controller or staff of the Fund who deliberately discloses any confidential information obtained during the verification exercise in a manner that jeopardizes the purpose of this Order shall be punished in accordance with provisions of the Law establishing the General Statutes for Rwanda Public Service.

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 15: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

d'une amende administrative de dix pour cent (10%) des contributions non déclarées. Cette amende est payée suivant la même procédure que le paiement des contributions.

Article 13: Sanction pour le paiement tardif des contributions

Sans préjudice du droit du Fonds d'exiger le paiement des arriérés de contributions, tout assureur qui ne paie pas les contributions collectées pour le compte du Fonds dans le délai prévu à l'article 4 du présent arrêté est puni d'une amende administrative de deux pour cent (2%) des arriérés de contributions pour chaque mois de retard de paiement desdites contributions.

Article 14: Sanction pour divulgation d'une information confidentielle

Tout contrôleur ou employé du Fonds qui divulgue volontairement des renseignements confidentiels obtenus au cours de l'exercice de vérification d'une manière qui compromet l'objectif du présent arrêté est puni conformément aux dispositions de la Loi portant Statut Général de la fonction publique rwandaise.

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Article 15: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au

présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 16: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 24/10/2014

(sé)
GATETE Claver
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 16: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 24/10/2014

(sé)
GATETE Claver
Minister of Finance and Economic Planning

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 16: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 24/10/2014

(sé)
GATETE Claver
Ministre des Finances et de la Planification
Economique

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

<p>UMUGEREKA KU ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/14/10/TC RYO KU WA 24/10/2014 RIGENA UBURYO IMISANZU IGENEWE IKIGEGA CYIHARIYE CY'INGOBOKA KU BWISHINGIZI BW'UBURYOZWE BW'IMPANUKA Z'IBINYABIZIGA BIFITE MOTERI BIGENDERA KU BUTAKA N'IZIKOMOKA KU NYAMASWA (SGF) IMENYEKANISHWA, YAKIRWA N'UKO IGENZURWA</p>	<p>ANNEX TO THE MINISTERIAL ORDER N° 003/14/10/TC OF 24/10/2014 DETERMINING PROCEDURES FOR DECLARATION, COLLECTION AND VERIFICATION OF CONTRIBUTIONS TO THE SPECIAL GUARANTEE FUND FOR ACCIDENTS AND DAMAGES CAUSED BY AUTOMOBILES AND ANIMALS (SGF)</p>	<p>ANNEXE A L'ARRETE MINISTERIEL N° 003/14/10/TC DU 24/10/2014 DETERMINANT LES MODALITES DE DECLARATION, RECouvreMENT ET VERIFICATION DES CONTRIBUTIONS DESTINEES AU FONDS SPECIAL DE GARANTIE POUR DES ACCIDENTS ET DES DOMMAGES CAUSES PAR LES AUTOMOBILES ET LES ANIMAUX (SGF)</p>
---	--	---

INYANDIKO YO KUMENYEKANISHA IMISANZU YA SGF

UMWISHINGIZI:

UKWEZI:

ITARIKI	IZINA RY'UMWISHI NGIZI	ICYAPA KIRANGA IKINYABIZIGA	UBWOKO BW'UBWISHINGIZI	CHASI	AMAFRANGA YAKIRIWE (HATABARIWEMO UMUSORO KU NYONGERA GACIRO)	IMISANZU IGENEWE SGF

Nyewe,, ndemeza ko amafaranga..... yakiriwe na.....
ari yo agenewe SGF nk'uko biteganijwe n'amategeko.

Bikozwe ku wa.....

Umukono

**FORMAT OF SGF
CONTRIBUTIONS DECLARATION**

INSURE:

MONTH:

DATE	INSURED NAME	VEHICLE PLATE NUMBER	TYPE OF INSURANCE	CHASSIS NUMBER	TOTAL PREMIUMS (VAT EXCLUDED)	SGF PREMIUMS

I,....., declare that only a total of..... has been collected
by..... for the Special Guarantee Fund and in accordance with the law.

Done on.....

Signature

**FORMULAIRE DE DECLARATION DES
CONTRIBUTIONS POUR SGF**

ASSUREUR:

MOIS:

DATE	NOM DE L'ASSUREUR	PLAQUE DU VEHICULE	TYPE D'ASSURANCE	NUMERO DE CHASSIS	TOTAL DES PRIMES (TVA EXCLUE)	PRIMES DU SGF

Je soussigné,déclare que le total de.....a été collecté
parpour le Fond Spécial de Garantie conformément à la loi.

Fait, le.....

Signature

<p>Bibonywe kugira bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n° 003/14/10/TC ryo ku wa 24/10/2014 rigena uburyo imisanzu igenewe ikigega cyihariye cy'ingoboka ku bwishingizi bw'uburyozwe bw'impanuka z'ibinyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka n'izikomoka ku nyamaswa imenyekanishwa, yakirwa n'uko igenzurwa</p>	<p>Seen to be annexed to Ministerial Order n° 003/14/10/TC of 24/10/2014 determining procedures for declaration, collection and verification of contributions to the special guarantee fund for accidents and damages caused by automobiles and animals (SGF)</p>	<p>Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel n° 003/14/10/TC du 24/10/2014 déterminant les modalités de déclaration, recouvrement et vérification des contributions destinées au fonds spécial de garantie pour des accidents et des dommages causés par les automobiles et les animaux (SGF)</p>
<p>Kigali, ku wa 24/10/2014</p> <p>(sé)</p> <p>GATETE Claver Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi</p>	<p>Kigali, on 24/10/2014</p> <p>(sé)</p> <p>GATETE Claver Minister of Finance and Economic Planning</p>	<p>Kigali, le 24/10/2014</p> <p>(sé)</p> <p>GATETE Claver Ministre des Finances et de la Planification Economique</p>
<p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>Vu et scellé du Sceau de la République:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>

**INGINGO Z'INGENZI Z'IBARUWA YA NYIRABAGIRISHYA ALINE ISABA
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa **NYIRABAGIRISHYA Aline** utuye Rendsburger Landstr 212 C, 24113 KIEL, ubarizwa kuri telephone n° +4917655013148, mu Gihugu cy'Ubudage; mu Rwanda akaba abarizwa mu Mudugudu w'Amajyambere, Akagari ka Rwampara, mu Murenge wa Kigarama, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali; yasabye guhindura amazina ye bwite akongeramo iry'umugabo we **DUBANOWSKI** bityo akitwa **DUBANOWSKI NYIRABAGIRISHYA Aline** mu irangamimerere ye.

Impamvu atanga ni uko ari Umunyarwandakazi washakanye n'Umudage, ubu akaba atuye mu Budage aho byabaye ngombwa ko yongera izina ry'umugabo we ku mazina ye asanganywe nk'uko biteganywa n'amategeko y'Igihugu cy'Ubudage;

Ubu akaba akeneye ibyangombwa by'Igihugu cye cy'u Rwanda kugira ngo agire ibyangombwa biriho amazina azwiho ku byangombwa afite mu gihugu cy'Ubudage kandi akomeze kugira uburenganzira bwo kuza mu Gihugu cye cy'u Rwanda gusura umuryango we.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, guhindura amazina ye ya **NYIRABAGIRISHYA Aline** akayongeraho **DUBANOWSKI** bityo akitwa **DUBANOWSKI NYIRABAGIRISHYA Aline** mu irangamimerere ye.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUSABYIMANA FELICIEN RUSABA
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa **MUSABYIMANA Félicien** utuye 27 400 Louviers, mu gihugu cy'Ubufansa, mu Rwanda akaba abarizwa mu Kagari ka Ruhunga, Umurenge wa Kibirizi, Akarere ka Nyamagabe, Intara y'Amajyepfo, yasabye guhindura izina rye bwite rya **MUSABYIMANA** akarisimbuza irya **BYIMANA** mu irangamimerere ye.

Impamvu atanga ni uko uwitwa **MUSABYIMANA Innocent** uri mu gihugu cy'Ubufaransa ukurikiranyweho icyaha cya Genocide n'uwitwa **MUSABYIMANA Samuel** wakatiwe n'Urukiko rwa Arusha kubera icyaha cya Genocide yakorewe abatutsi 1994, ndetse hakaba n'urubuga rwa Interineti rw'uwitwa **MUSABYIMANA Gaspard** ruhora rusohora inyandiko zidashimishije ku Gihugu cye. Ibyo byose akavuga ko bitesha agaciro iri zina rya **MUSABYIMANA**.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko guhindura izina rya **MUSABYIMANA** rigasimburwa irya **BYIMANA** mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko y'ivuka rye, bityo akitwa **BYIMANA Félicien**.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NYIRAMBYARIYEHE JUDITH RUSABA
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa **NYIRAMBYARIYEHE Judith** ubarizwa mu Kagari ka Bukinanyana, mu Murenge wa Cyuve, Akarere ka Musanze, yasabye guhindura izina rye bwite rya **NYIRAMBYARIYEHE** rigasimburwa n'irya **INGABIRE** bityo akitwa **INGABIRE Judith** mu irangamimerere ye.

Impamvu atanga ni uko izina rya **NYIRAMBYARIYEHE** yaryiswe n'ababyeyi kubera ko babyaraga bapfusha rikaba ari irigenurano, ubu rikaba rimutera ipfunwe.

Akaba asaba kwemererwa izina rya **INGABIRE** binyuze mu nzira zemewe n'amategeko rikandikwa mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko y'ivuka maze akitwa **INGABIRE Judith**.